# Kennedy Middle School

## Politiki igenga terefone ngendanwa z'abanyeshuri n'ikoranabuhanga

## Umwaka w'amashuri wa 2024-2025

**Intego** :
Politiki ikurikira igamije kwimakaza imyigire itarangwamo ibirangaza no kubungabunga ituze n'umutekano by'abanyeshuri bose mu gihe cy'amasomo. Itegeka ko terefone zigendanwa ziba ziba zijimijwe kandi zikabikwa mu bikapu mu gihe cy'amasomo no mu bihe by'akaruhuko.

## Amabwiriza ya politiki

1. **Imikoreshereze y'ikoranabuhanga** ***harimo ekuteri n'udukoresho two mu matwi***

- Terefone ngendanwa zose n'ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga by'umuntu ku giti cye bigomba kandi bikaguma mu bikapu by'abanyeshuri mu gihe cy'amasomo no mu bihe by'akaruhuko.
- Gukoresha terefone ngendanwa zose n'ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga by'umuntu ku giti cye (amasaha y'ikoranabuhanga, n'ibindi) birabujijwe mu Byumba by'amashuri. Abanyeshuri bazahabwa APS Chromebooks igihe ari ngombwa mu isomo ku mpamvu z'isomo.
- Ekuteri n'udukoresho two mu matwi bigomba gukurwamo kandi bigashyirwa mu bikapu kugira ngo bifashe abanyeshuri kwibanda ku masomo. Abarimu bashobora kwemerera abanyeshuri gukoresha ekuteri zifite imigozi/utwuma two mu matwi twabo kuri Chromebooks ku mpamvu z'amasomo.
- Abanyeshuri bashobora gusa guhamagarira no kwitabira terefone aho bakirira abashyitsi. Mu gihe byihutirwa, abanyeshuri barashishikarizwa kubimenyesha umwarimu wabo cyangwa umukozi ukuze uzatanga ubufasha bwa ngombwa (ni.ukuvuga guhamagara kuri terefone mu biro bikuru cyangwa iyo mu cyumba cy'ishuri)
- Terefone ngendanwa zishobora gukoreshwa mu gihe cy'ifunguro ryo ku manywa ahantu rusange, igihe cyose abanyeshuri bafite ekuteri/udukoresho two mu matwi igihe bumva umuziki. Cati zo kuri videwo, gufata amajwi, gufata amashusho n'amafoto ntabwo byemewe.
- Chromebooks zihabwa buri munyeshuri na Albuquerque Public Schools. Ibi bikoresho bigomba gukoreshwa mu masomo n'imikoro gusa. *Ubuyobozi, Duwaye n'abarimu bazagenzura GoGuardian buri gihe kugira ngo Chromebooks ikoreshwe neza.*

2. **Kubika ibikapu** :

- Ibikapu bigomba kubikwa mu buryo bidafunga inzira cyangwa ngo biteze ibizazane.

- Abanyeshuri bagomba gukora ku buryo ibikapu byabo biba bibegereye kugira ngo birinde ko ibikoresho byavamo bikagwa hasi cyangwa bigateza intugunda.
- Iyo umunyeshuri afashwe akoresha cyangwa afite ibiyobyabwenge cyangwa intwaro, umunyeshuri ashobora gutakaza uburenganzira bwe ku gikapu cye. Ibi bishobora kandi gutuma hasabwa ko buri munsi hajya hakorwa isakamu biro bakiriramo abashyitsi mbere yo kujya mu ishuri.

3. **Inshingano y'abakozi/Imicungire y'icyumba**:**cy'ishuri**

- Mu ntangiriro ya buri somo abarimu bazibutsa abanyeshuri kuzimya terefone ngendanwa zabo No kuzibika mu bikapu byabo.
- Mu gihe cy'amasomo, abarimu bazazashyira mu bikorwa iyi politiki bakurikirana iyubahirizwa ryayo bahana bidatinze kandi mu buryo buboneye amakosa yose yo kutayubahiriza.
- Ni indangagaciro mbonezamwuga ko abarimu bose bimakaza politiki igenga Ikoranabuhanga n'Ibikapu mu Byumba by'ishuri byabo ndetse no mu bikorwa by'ishuri byose nta rengayobora.
- Umukozi waka umunyeshuri terefone ngendanwa ye azahamagara iwabo mu rugo kugira ngo abamenyeshe ibirebana n'iryo kosa ryabaye.

4. **Ibijyanye no kubika n'umutekano**
   - Abanyeshuri ni bo bashinzwe umutekano n'ituze rya terefone ngendanwa n'ibikapu byabo.
   - Ikigo cy'ishuri ntabwo kizaryozwa ibura,iyibwa, cyangwa kwangirika kwa terefone Ngendanwa cyangwa ibindi bikoresho by'umuntu ku giti.
   - Abanyeshuri barasabwa kwirinda kuzana ibintu by'agaciro mu kigo cy'ishuri no kubika ibikapu byabo bifinze kandi bitekanye igihe aringombwa

5. **Ingaruka zo kutubahiriza iyi politiki**
   - Abanyeshuri batubahiriza politiki igenga terefone ngendanwa n'ibikapu bashobora guhura n'ingaruka zikurikira, hashingiwe ku mabwiriza y'ikigo cy'ishuri agenga imyitwarire:
     - Kwakwa terefone ngendanwa cyangwa ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga, bikazakurikiza politiki ya Kennedy igenga terefone ngendanwa kandi bikazabikwa aho bakirira abashyitsi:
       - Ikosa rya 1: *Umunyeshuri ashobora gufata terefone ngendanwa mu biro*
       - Ikosa rya 2: *Umubyeyi/umurezi ayifata uwo munsi urangiye*
       - Ikosa rya 3: *Umubyeyi/umurezi ayifata icyumweru kirangiye*
       - Ikosa rya 4: *Umubyeyi/umurezi ayifata igihembwe kirangiye.*

6. **Ubufatanye bw'ababyeyi/abarezi**
   - Ababyeyi/abarezi bategerejweho gushyigikira no kubahiriza politiki igenga terefone ngendanwa n'ibikapu.
   - Bagomba kuganira n'abana babo ku kamaro ko gukurikiza iyi politiki kugira ngo dukomeze kugira imyigire ihamye kandi itanga umusaruro.
   - Ababyeyi/abarei barashishikarizwa kuvugana n'ubuyobozi bw'ikigo cy'ishuri niba hari impungenge cyangwa ibibazo bafite birebana n'iyi politiki.
   - Ababyeyi/abarezi bazanonosorera hamwe n'ubuyobozi politiki igenga terefone ngendanwa baje gufata igikoresho cy'umunyeshuri wabo.

7. **Inonosorwa rya politiki**
   - Iyi politiki izajya inonosorwa buri gihe n'ubuyobozi bw'ikigo cy'ishuri kandi ishobora kuvugururwa bibaye ngombwa kugira ngo ihuze n'impinduka zigenda zibaho n'iterambere mu ikoranabuhanga.